

Ibibazo bibazwa kenshi (FAQs)

Bijyanye na Gahunda y'Inkunga itangwa ku Ishuri kubera Icyorezo (P-EBT)

mu Mwaka w'Amashuri wa 2022-2023 (Kuwa 4 Mutarama, 2023)

Ikibazo cya 1: P-EBT ni iki?

Igisubizo: Ni inkunga y'ibiribwa by'agateganyo yemejwe na leta mu gufasha imiryango yagizweho ingaruka zibifitanye isano no gufunga amashuri ndetse no gusiba ku ishuri kubera COVID-19.

Ikibazo cya 2: Ni nde wemerewe inkunga ya P-EBT?

Igisubizo: Imiryango yo muri Vermont hamwe n'abanyeshuri basanzwe bakira amafunguro ku buntu cyangwa ku giciro cyagabanyijwe ku ishuri muri Gahunda y'Igihugu y'Amafunguro ya saa sita ku Mashuri (reba nanone ikibazo cya 3 kijyanye n'ifunguro rusange ry'ubuntu ku ishuri muri uyu mwaka w'amashuri). Inkunga zitangwa ku kwezi iyo:

- umunyeshuri yahawe uruhushya rwo gusiba byemewe kubera impamvu zifitanye isano na COVID muri uko kwezi, **kandi**
 - umunyeshuri "yujuje ibisabwa" kuri P-EBT. *Reba gahunda ya leta umenye uburyo ishuri riba ryujuje ibisabwa kuri P-EBT: <https://dcf.vermont.gov/esd/P-EBT>.*
-

Ikibazo cya 3: Bishatse kuvuga iki ifunguro rusange ry'ubuntu ku ishuri muri Vermont? Ese ibi byaba bifite ingaruka ku kwemererwa muri gahunda ya P-EBT?

Igisubizo: Inteko ishinga amategeko ya Vermont yemeje itegeko, Itegeko 151 (2022), ritanga inkunga ya leta ku ifunguro rusange ry'ubuntu ku ishuri muri Vermont mu bigo by'amashuri byose bya leta ndetse na bimwe mu bigo by'amashuri byigenga. Ibi bishatse kuvuga ko buri kigo cy'ishuri cyose cya leta cyo muri Vermont na bimwe mu bigo by'amashuri byigenga bizitabira Gahunda y'Igihugu y'Amafunguro ya saa sita ku Ishuri no gukoresha Gahunda y'Amafunguro y'Ubuntu (CEP) cyangwa Gahunda Ivuguruye y'Amafunguro 2 mu mwaka w'Amashuri 2022-2023. Iyo buri kigo cy'ishuri cyujuje ibisabwa (reba ikibazo cya 2 haruguru), abanyeshuri bose bo muri ibyo bigo by'amashuri basibye ishuri kubera impamvu zifitanye isano na COVID baba bazahabwa inkunga ya P-EBT y'iminsi basibye. Mu bigo by'amashuri byigenga byitabira Gahunda y'Igihugu y'Amafunguro ya saa sita ku Mashuri kandi imiryango igatanga amafaranga ku mafunguro y'ishuri, abanyeshuri bazahabwa inkunga niba bujuje ibisabwa kugira ngo bahabwe amafunguro ku buntu cyangwa ku giciro cyagabanyijwe.

Ikibazo cya 4: Ni iki gifatwa nk'impamvu yemewe yo gusiba ishuri bifitanye isano na COVID?

A: Gusiba ishuri bifitanye isano na COVID bisobanuye gusiba ishuri byemewe mu kwezi kubera zimwe mu mpamvu zikurikira:

- Kuba yanduye COVID cyangwa akekwo uburwayi bwa COVID,
- Kuba afatwa nk'umuntu wahuye bya hafi n'uwanduye COVID,
- Ibimenyetso bya COVID bituma hakenerwa byihuse akato na/cyangwa gupimwa COVID, cyangwa
- Kwigisha bitateguwe, gufunga amashuri cyangwa ibyiciro, cyangwa guhindura imyigire bakigira kuri murandasi kubera impamvu zifitanye isano na COVID, harimo abanduye, kubura abakozi biturutse kuri COVID, gukenera gukurikirana abantu bikekwa ko bahuye n'abanduye, n'ibindi.
- Ukeneye ibisobanuro birambuye byerekeye gusiba ishuri bifitanye isano na COVID, reba <https://education.vermont.gov/documents/definition-of-covid19-related-absences-for-purposes-of-issuing-pebt-benefits>

Ikibazo cya 5: Ikigo cy'ishuri cyacu cyafunzwe ku muni w'urubura cyangwa kubera umuyoboro w'amazi wangiritse cyangwa uburyo bwo gushyushya mu nzu bwangiritse. Ese ibyo bituma abanyehuri bemerera inkunga ya P-EBT muri icyo muni basibye?

Igisubizo: Oya, ikigo cy'ishuri cyafunze gusa ku mpamvu ifitanye isano na COVID ni cyo cyemererwa.

Ikibazo cya 6. Ni gute namenya niba umuryango wanjye wemerewe?

Igisubizo: Ikigo cy'ishuri cy'umunyeshuri wawe kizagena niba yemerewe, hashingiwe ku bigenderwaho byatanze na Leta ya Vermont. Ku ishuri bazaguhamagara kugira ngo bamenye ko amakuru bafite ari ay'ukuri kuri dosiye. Subiza ubusabe bwabo. Niba wemerewe, uzabona ibaruwa iturutse mu Ishami rishinzwe Abana n'Imiryango (DCF) isobanura uburyo n'igihe cyo kwakira inkunga.

Ikibazo cya 7: Nakiriye ikarita ya P-EBT umwaka w'amashuri ushize wa (2021-22), ariko sinkiyifite. Ese ibyo byaba ari ikibazo?

Igisubizo: DCF izakohereza ikarita iyisimbura. Amabwiriza azashyirwa mu mabaruwa amenyesha inkunga azasohoka muri Mata 2023. Komeza ubike ikarita yawe nshya niba wayibonye. Inkunga z'inyongera zishobora kongerwaho kuko hazishyurwa inshuro zirenze imwe muri uyu mwaka w'amashuri.

Ikibazo cya 8: Ni ryari inkunga zizatangwa?

Igisubizo: icyiciro cya mbere cy'inkunga za *Nzeri 2022 kugeza muri Mutarama 2023* zizatangwa muri Mata 2023. Inkunga za *Gashyantare 2023 kugeza muri Kamena 2023* ziteganyijwe gutangwa muri Kanama 2023. Komeza ugenzure amakuru mashya kuri FAQs ku rubuga rwa interineti rwa DCF kugira ngo ubone amakuru yihariye: <https://dcf.vermont.gov/esd/P-EBT>. Zirikana ko leta izarangiza gutanga inkunga za P-EBT uyu mwaka w'amashuri niba ibihe bidasanzwe by'ubuzima kuri COVID-19 birangiye muri uyu mwaka w'amashuri. Muri icyo gihe, ibi bibazo byibazwa kenshi bizavugururwa mu kugaragaza ukwezi kwa nyuma inkunga ya P-EBT izabonekeraho.

Ikibazo cya 9: Inkunga ya P-EBT ni amadorari angahe?

Igisubizo: Inkunga ya P-EBT ni \$8.18 kuri buri muni umunyeshuri yasibye byemewe kubera impamvu ifitanye isano na COVID.

Ikibazo cya 10: Ese inkunga ya P-EBT irangana hatitawe ku mubare w'abana bari mu muryango?

Igisubizo: Amafaranga y'inkunga ya buri kwezi agenerwa buri munyeshuri hashingiwe ku mubare w'iminsi yasibye ishuri byemewe ku mpamvu ifitanye isano na COVID bagize buri kwezi. Imiryango izakira inkunga zitandukanye hashingiwe ku mubare w'iminsi mu kwezi buri mwana wo mu muryango yari yemerewe inkunga ya P-EBT.

Ikibazo cya 11: Inshingano zo kwita ku munyeshuri wanjye zagabanyijwemo imiryango ibiri. Ni nde ufata inkunga?

Igisubizo: Inkunga izoherezwa ku muntu mukuru washyizwe ku rutonde nk' "umukuru w'umuryango" n'umunyeshuri. Uyu ashobora kuba ari umuntu mukuru watanze ubusabe bw'amafunguro y'ubuntu n'igabanyirizwa ku munyeshuri, cyangwa umuntu mukuru ufatwa nk'umuntu w'ingenzi wahamagarwa n'ishuri. Ibigo by'amashuri biramenyesha imiryango muri Mutarama kwemeza uwashyirwa ku rutonde nk' "umukuru w'umuryango". Menyesha ishuri niba "umukuru w'umuryango" akeneye guhindurwa.

Ikibazo cya 12: Ni iki nagura n'iyi nkunga?

A: Rebaubwoko bw'ibiryo ushobora kugura hamwe n'inkunga yawe ya P-EBT ku rubuga rwainterineti rwa USDA: <https://www.fns.usda.gov/snap/eligible-food-items>.

Ikibazo cya 13: Ni hehe nakoresha ikarita yanjye ya P-EBT?

A: Ushobora kuyikoresha ugura ubwoko bw'ibiryo wemerewe ahantu hose hemera sisitemu ya 3SquaresVT. Aha hakubiyemo amaduka y'ibiryo, amasoko manini, amaduka y'ibicuruzwa by'ibanze, amasoko y'abahinzi menshi muri Vermont. Reba ibindi ku rubuga rwa interineti kuri <https://dcf.vermont.gov/benefits/ebt>.

Ikibazo cya 14: Nta bana ngira ku ishuri. Nahabwa iyi nkunga?

Igisubizo: Iyi nkunga igenewe gusa imiryango y'abana basanzwe bafata amafunguro y'ubuntu cyangwa bagabanyirijwe igiciro kw'ishuri binyuze muri Gahunda y'Igihugu y'Ifunguro rya saa sita ku Ishuri kandi ubu bakeneye gufata ayo mafunguro mu rugo kubera impamvu zo gusiba ishuri zibifitanye isano na COVID ndetse n'abanyeshuri bigira mu rugo bujuje ibisabwa bivugwa mu Kibazo cya 16.

Ikibazo cya 15: Ibi byaba ari iby'abana bo mu kigo cy'ishuri cya Leta?

Igisubizo: Oya. Bimwe mu bigo by'amashuri byigenga biri muri Gahunda y'Igihugu y'Ifunguro rya saa sita ku Ishuri n'abana kuri ibyo bigo by'amashuri bashobora kwemererwa iyi nkunga. Ariko, ibigo by'amashuri byinshi byigenga bititabira Gahunda y'Igihugu y'Ifunguro rya saa sita ku Ishuri, n'abanyeshuri babwo ntabwo bemerewe.

Ikibazo cya 16: Umwana wanjye yigira mu rugo muri uyu mwaka. Ese twaba twemerewe iyo nkunga?

Igisubizo: Ushobora kwemererwa inkunga ya P-EBT uyu mwaka w'amashuri hagendewe ku mabwiriza mashya ya Leta. Abanyeshuri bakurikira bigira mu rugo bashobora guhabwa inkunga ya P-EBT muri uyu mwaka:

- umunyeshuri wiyandikishije binyuze mu Kigo cya Serivisi z'Uburezi birebana no kwigira mu rugo mu mwaka w'amashuri wa 2022-2023
 - umunyeshuri wiyandikishije muri gahinda yo kwigira mu rugo rimwe na rimwe nyuma yo kuwa 27 Mutarama 2020 (abanyeshuri biyandikishije muri gahunda yo kwigira mu rugo mbere ya 27 Mutarama 2020 ntabwo bemerewe)
 - niba umunyeshuri atarigeze mbere yitabira ishuri rya Vermont ku giti cye, kubera ari mushya kuri Vermont guhera Mutarama 2020 cyangwa se umwana ari mu ishuri ry'incuke, icyiciro cya mbere cyangwa icya kabiri muri uyu mwaka w'amashuri, umubyeyi/umurezi yuzuzwa icyemezo kivuga ko umwana yigiraga mu rugo muri uyu mwaka w'amashuri kubera impungenge za COVID.
-

Ikibazo cya 17: Ese imiryango yiyandikishije muri gahunda yo kwigira mu rugo ibinyujije mu Kigo gishinzwe Serivisi z'Uburezi ikeneye gusaba inkunga ya P-EBT kugira ngo izayihabwe muri uyu mwaka w'amashuri?

Igisubizo: Oya. AOE na DCF izaba ikoresha amakuru y'abiyandikishije muri gahunda yo kwigira mu rugo ifite kuri dosiye mu gutanga inkunga ya P-EBT ku bigira murugo. Kubera ibigo by'amashuri byose bya leta muri Vermont biri gutanga amafunguro ku buntu binyuze

muri Gahunda Ivuguruye y'Amafunguro 2 na CEP, abanyeshuri bose bigira mu rugo bujuje ibisabwa byavuzwe mu Kibazo cya 16 bazahabwa inkunga bitabaye ngombwa ko bagaragaza ko bemerewe guhabwa amafunguro no kugabanyirizwa igiciro cy'amafunguro ku ishuri. AOE kizajya gihura n'imiryango y'abanyeshuri bigira mu rugo niba hari ikibazo kijyanye no kwiyandikisha cyangwa aderesi kuri dosiye yo muri AOE ndetse no kuzuzanya ibyemezo kuri iyo miryango ku bakeneye kubyuzuzanya no kwemeza ko umwana wabo ari kwigira murugo muri uyu mwaka kubera imbogamizi za COVID.

Ikibazo cya 18: Inkunga ya P-EBT yo kwigira mu rugo izaba ari amadolari angahe?

Igisubizo: Inkunga yo kwigira mu rugo ingana na \$143.15 ku kwezi kuri buri kwezi kwa Nzeri kugeza muri Kamena ubwo umunyeshuri yiyandikishaga muri gahunda yo kwigira mu rugo binyuze muri AOE. Zirikana ko Leta izahagarika gutanga inkunga ya P-EBT uyu mwaka w'amashuri mu gihe ibihe bidasanzwe bya COVID-19 byarangira muri uyu mwaka w'amashuri. Muri icyo gihe, ibi bibazo bibazwa kenshi (FAQs) bizavugururwa kugira ngo hagaragare ukwezi kwa nyuma inkunga ya P-EBT izabonekamo.

Ikibazo cya 19: Ni ryari inkunga yo kwigira mu rugo ya P-EBT izatangwa?

Igisubizo: Inkunga zo kwigira mu rugo zizatangirwa rimwe mu kwezi kwa Gicurasi 2023 kandi hazaba harimo inkunga za Nzeri kugeza muri Kamena, keretse gahunda ya Leta y'ibihe bidasanzwe by'ubuzima irangiye mbere ya Kamena. Muri icyo gihe, ibi bibazo byibazwa kenshi (FAQs) byavugururwa kugira ngo hagaragare ukwezi kwa nyuma kwa inkunga ya P-EBT izabonekamo muri uyu mwaka w'amashuri.

Ikibazo cya 20: Mu gihe amashuri azaba afunze cyangwa umwana wanjye yasibye, tuzajya tuza gufata amafunguro ahandi cyangwa ishuri rizajya ryohereje amafunguro mu rugo. Ni ngombwa guhagarika gukora ibyo niba mbona inkunga ya P-EBT? Ese ntabwo byatuma tutemererwa kubona inkunga?

Igisubizo: Oya. Abanyeshuri babona amafunguro mu minsi yo kwigira kure baracyemererwa inkunga ya P-EBT. Ushobora gukomeza gufata amafunguro kandi ukemererwa iyo inkunga.

Ikibazo cya 21: Mfite undi mwana utanditse ku ishuri cyangwa utari no kwigira mu rugo. Baba bemerewe kuri iyo inkunga?

Igisubizo: Oya. Inkunga ihabwa gusa abana banditswe ku ishuri kandi basanzwe bitabira Gahunda y'Igihugu y'Amafunguro rya saa sita ku Ishuri cyangwa abanyeshuri bemerewe banditse mu bigira mu rugo binyuze muri AOE bujuje ibisabwa mu Kibazo cya 16.

Ikibazo cya 22: Abanyeshuri biga mu kigo cy'ishuri cyigenga bitabira Gahunda y'Igihugu y'Ifunguro rya saa sita ku Ishuri. Abana banjye mbere ntibabona amafunguro y'ubuntu cyangwa ku giciro cyagabanyijwe, ariko ubu uko twari tumeze byarahindutse. Nshobora gufata P-EBT?

Igisubizo: Niba ibijyanye n'ubukungu bwawe byarahindutse, turagushishikariza gusaba:

- **3SquaresVT** - niba ufata inkunga ku kwezi, abana bawe bemerewe amafunguro y'ubuntu ku ishuri kandi bazajya bakira inkunga ya P-EBT. Reba uko basaba ku rubuga rwa interineti rwa DCF kuri <https://dcf.vermont.gov/benefits/3SquaresVT>.
- **Amafunguro y'ubuntu cyangwa yo ku giciro cyagabanyijwe** – fata inyandiko isaba ku ishuri ry'abana bawe cyangwa ku rubuga rwa interineti rw'ikigo cya Serivisi z'Uburezi: <https://education.vermont.gov/>. Ubusabe bwemewe bushyikirizwa ikigo cyawe cy'ishuri bushobora gutuma umuryango wawe uhabwa inkunga uherye muri Nzeri 2022.

Ikibazo cya 23: Bigenda bite niba ntashaka iyi nkunga?

Igisubizo: Kujya muri iyi gahunda ni ubushake. Niba wahisemo kutitabira iyi gahunda, ubwo:

- Ntukoresha inkunga y'inyongera zatanzwe ku ikarita yawe ya 3SquaresVT EBT. **CYANGWA**
- Angiza ikarita yawe wahawe ya P-EBT ukate uruhande rwayo rubitse amakuru hanyuma uyijugunye ahantu mu buryo buhatekanye. NTA wundi muntu ugomba guha ikarita yawe.

Ikibazo cya 24 : Ese inkunga za P-EBT zizarangira niba zitarakoreshejwe?

Igisubizo: Yego. Inkunga ya P-EBT ita agaciro iyo ikarita idakoreshejwe mu gihe cy'iminsi 274.

Ikibazo cya 25: Mfite ibibazo byinshi. Ni hehe nabona ibisobanuro birambuye?

Igisubizo: Jya kuri <https://dcf.vermont.gov/esd/P-EBT> cyangwa uhamagare kuri 1-800-479-6151, Ubundi buryo bwa 7, ku bindi bisobanuro. Hamagara ku kigo cy'ishuri niba ufite impungenge zirebana no kuba umunyeshuri wawe yemerewe amafunguro y'ubuntu n'amafunguro ku giciro cyagabanyijwe cyangwa ushaka guhindura umukuru w'umuryango cyangwa aderesi yo koherezaho ubutumwa yazakoreshwa mu gutanga ikarita.